

## Itangazwa rya Repubulika y'u Rwanda. Amateka y'uko byagenze (Inkomoko, n'abayagizemo uruhare...)



*yandistwe na Inosenti Nsengimana*

Ku italiki ya 28 Mutarama 1961, u Rwanda rwabaye Repubulika; ubutegetsi bwari bushingiye ku bwami burasezererwa. Ubu hashize imyaka 60. Mu bushakashatsi



nkora ku mateka y'u Rwanda, maze kwandika ibitabo bitatu ku birebana n'amateka yaranze u Rwanda muri iriya myaka ya za 50-60. Muri ubwo bushakashatsi nifashishije ahanini inyandiko z'umwimerere (Documents d'Archives) abategekaga icyo gihe basize. Nagiragango mu iyi nyandiko ngaruke ku ngingo z'ireme zirebana n'ayo mateka. Ndizera ko ibisobanuro bitangwa bituma dutera intambwe twerekeza ku kuri ku byabaye, byatumye habaho impinduka mu mibereho y'Abanyarwanda muri rusange, no mu mitegekere y'igihugu cyabo ku by'umwihariko. Nanone aha ariko ndatanga imirongo migari y'ayo mateka, uwashaka kuyamenya byimbitse, yazashaka ibyo bitabo bikamufasha.

### I. Intango yabaye iyihe?



Niba ku italiki ya 28 Mutarama 1961 Repubulika y'u Rwanda yaratangajwe, ubwami bugasezererwa, byatewe n'impamvu zishingiye ahanini ku mibanire y'Abanyarwanda hagati yabo, n'imibanire hagati yabo n'ababayoboraga muri icyo gihe.

Izo mpamvu zatangiye kugaragara cyane ahagana mu ntangiriro y'imyaka ya za 50, uretse ko na mbere yaho hari igihe Abanyarwanda bagaragaje ko batishimiye ubutegetsi bwari bugizwe n'ingoma ya cyami n'abakoloni

bakoranaga n'abapadiri bera. Iyo nyota y'impinduka yaterwaga ni uko nta burunganire n'ubutabera byarangaga umuryango nyarwanda. Yaterwaga kandi ni ukutubahiza uburenganzira bw'ikiremwa muntu, uburemere bw'amakoro yagenerwaga abashifu n'ibwami, imilimo y'agahato iherekejwe n'ikiboko ubutegetsi bw'abakoloni bwari bwarazanye, n'ibindi...

Ibi byose byatumaga Abanyarwanda, (iyo byabaga bibakundiye) bivumbura kuri ubwo butegetsi bagamije kwigobotora akarengane n'urugomo bagirirwaga. Ahangaha umuntu yatanga ingero z'imyivumbagatanyo inyuranye y'Abanyarwanda

yabaye hagati y'i 1925 n'i 1930. Mbonimana Gamaliel wakoze ubushakashatsi kuri iyo myivumbagatanyo, avuga cyane cyane iyayobowe na Nyiraburumbuke, Semaraso n'indi yitiriwe akarere ka Bumbogo. (1)

Mbere y'iyi myivumbagatanyo ariko, hari indi yari yaragaragaye mu Rwanda; aha umuntu yavuga iyayobowe na Rukara mu Gisaka muri 1901, iyayobowe na Ndungutse mu majyaruguru y'u Rwanda muri 1912... (2)

Aho gushakira ibisubizo impamvu zateraga iyo myivumbagatanyo, ubutegetsi bw'ingoma ya cyami bwunganiwe n'ubw'abakoloni bakoranaga n'abapadiri bera bwagiye bushyira hamwe bukajya buyiburizamo bukoreshye imbunda, amacumu n'imeheto. Barayicogoje nibyo, bica abantu benshi ariko ntibakemura icyateraga iyo myivumbagatanyo ni ukuvuga, imilimo y'agahato n'ikiboko cyayiherekezaga, amakoro yajyanywaga i bwami no kuba shefu, ukutubahiriza uburenganzira bwa kiremwa muntu, n'ibindi.

## **II. Ko iyo myivumbagatanyo yindi yaburizwagamo, Revolisiyo y'Ugushyingo 1959 yanabaye intandaro y'itangazwa rya Repubulika y'u Rwanda yo yashobotse ite?**

Izo mpamvu zimaze kuvugwa haruguru zatumaga Abanyarwanda bivumbura ku butegetsi zakomeje kubaho kugeza muri 1959, ku buryo umuntu yavuga ko ari nazo revolisiyo yashingiyeho. Gusa, zageze aho zihabwa uburyo bwatumye zitera impinduka zikomeye mu mibereho y'Abanyarwanda no mu mitegekere y'igihugu cyabo. Aha umuntu ashobora kwibaza ati ubwo buryo bwari bushingiye kuki?

Muri 1945, nyuma y'intambara ya kabili y'isi yose, mu nama yabereye i San Francisco, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika yahuje ibihugu binyuranye by'isi, hashizweho Umuryango w'Abibumbye. Inyandiko zishyiraho uyu Muryango zasinywe n'ibihugu 51 ku italiki ya 26 Kamena 1945. Mu byo uyu Muryango wazanye, harimo uburyo bwo gutegeka ibihugu byari bigikolonijwe icyo gihe ukoresheje ibihugu byari bimaze gutsinda iyo ntambara.

Muri urwo rwego, teritwari ya Ruanda-Urundi yahawe Ububuligi ngo buyitegeke mu izina ry'uwo Muryango. Uyu Muryango wahaye Ububiligi inshingano zinyuranye. Muri zo iz'igenzi ni izikurikira : guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'ikiremwa muntu, guteza imbere imibereho myiza y'abatuye iyo teritwari mu rwego rwa politiki, rw'ubukungu, gukora ibishoboka byose iyo teritwari igatera imbere igana ku bwigenge, ... (3)

Ishyirwaho ry'uwo muryango ryahinduye byinshi mu mibereho no mu mitekerereze y'ababonaga ko bakandamijwe. Mu by'ukuri, uyu Muryango, waje ari nk' urwego rwo kugaragarizamo ibibazo byabo, nta bwoba bafite ko hari itegeko barenzeho. Impinduka mu mitekerereze no mu mibereho y'abagirirwaga akarengane cyangwa se y'abakabonaga zagaragajwe n'ibintu byinshi. Muri teritwari ya Ruanda-Urundi, umuntu yavuga:

-Ishingwa ry'ishyaka MPP (Mouvement politique progressiste) ryari rirangajwe imbere na Petero Baranyanka wo mu Burundi na Porosuperi Bwanakweri wo mu

Rwanda. Abandi bagaragaye muri iryo shyamba ni Geregori Kayibanda na Aloyizi Munyangaju... (4)

-Itangazwa n'ubutegetsi bw'Ababiligi ku italiki ya 14 Nyakanga 1952 ry'itegeko ngenga rishyiraho inzego zitowe ku rwego rwa s/chefferie, rwa chefferie, rwa territoire n'urw'igihugu ;

-Gutangaza mu binyamakuru byari bifashwe ahanini na Kiliziya gatolika (abapadiri bera) ibibazo abaturage bari bafite mu myaka ya 1953-1954;

-Ivanwaho ry'ubuhake ku itariki ya 13 Gashyantare 1954;

-Iyegura muri 1956, ry'umuzungu witwa Maus wari mu nama ya vise-Guverinora (ni ukuvuga umuntu acishilije inama yayoboraga teritwari ya Ruanda-Urundi) avuga ko yanze gukomeza gukorera mu rwego Abanyarwanda bese badahagarariwemo, ...

Muri iyo myaka ya za 55-56 umuyaga w'impinduka wari watangiye guhuha. Musenyeri Perraudin yanditse ko izo nyandiko zacicikanaga mu binyamakuru zashegeshe bimwe ubutegetsi bwa cyami bwari bushingiyeho. Yongeraho ariko ko ntabwo icyari kigamijwe kwari kuvanaho inzego za politiki zariho, ko icyasabwaga kwari ukugira ngo zigendere kuri demokarasi. (5)

### III. Abari ku butegetsi n'abifuzaga impinduka babyitwayemo bate?

Mu gusubiza izo nyandiko zose zasohokaga mu binyamakuru, Inama Nkuru y'Igihugu yateranye kuva taliki ya 13 Kamena kugeza ku ya 28 Kamena 1956. Iyo nama yari igizwe n'abashefu, iyobowe n'umwami Rudahigwa.

Mu nyandiko isoza inama, umwami n'abashefu bavuze ko abashaka kuzana ibibazo ari abatazi amakuru cyangwa se bakaba bayazi nabi. Ariko nyamara nabo muri iyo nyandiko yabo biyemerera ko ubwo butegetsi bwabo butakijyanye n'igihe barimo. (6)

Ku italiki ya 22 Gashyantare 1957 Inama Nkuru y'Igihugu yoherereje ubutegetsi bw'Ababiligi mu Rwanda inyandiko yise « Mise au point »; abagize iyo nama, ni ukuvuga umwami n'abashefu bashimye Ububiligi, basaba ubwigenge ariko ntibagira icyo bavugaga ku bibazo byariho icyo gihe. (7) Ku italiki ya 24 Werurwe 1957, inyandiko yishwe « Manifeste y'Abahutu » yarasohotse ariko yo iza ivugaga uko ibibazo biteye. (8)

Iyo umuntu asomye agereranya izo nyandiko zombi, asanga harimo ibitekerezo bibili binyuranye : ku ruhande rumwe hari abashakaga ubwigenge, ku rundi ruhande hari abashakaga ko ikibazo cy'ubusumbane hagati mu Banyarwanda cyabanza gukemuka maze ubwigenge bukabona bugatangwa. Ikindi kigaragara ni uko izo nyandiko zombi zerekanye impande zari zishyamiyanye izarizo : ku ruhande rumwe hari umwami n'abashefu bashakaga ubwigenge bakaba ahanini bari abatutsi, ku rundi ruhande hari abashakaga ko ubusumbane bubanza kuvanwaho bakaba bari biganjemo abahutu.

Hagati y'italiki ya 18 Nzeli n'iyi 8 Ukwakira 1957, intumwa z'Umuryango w'Abibumbye ziyobowe na Ambassaderi Dorsinville zasuye teritwari ya Ruanda-

Urundi. Mu mishyikirano yagiranye n'izo ntumwa ku italiki ya 7 Ukwakira 1957, Vice-Guverineri wa Ruanda-Urundi, Harroy yemeye ko ikibazo cy'ubusumbane hagati mu Banyarwanda kiriho... ( 9)

Ku italiki ya 21 Ukwakira 1957 bamwe mu basinye iriya nyandiko bise haruguru «Manifeste y'Abahutu», bandikiye umwami Rudahigwa. Muri bimwe bamusabye harimo ko yagira abajyanama bavuye mu bice byose bigize Abanyarwanda (abahutu, abatwa, abatutsi), bamusaba kandi ko ikibazo cy'ubusumbane hagati y'abahutu n'abatutsi n'abatwa cyashyirwa ku rutonde rw'ibibazo bizigwa n'Inama Nkuru y'Igihugu. (10)

Mu mwaka w'i 1958 bamwe mu basinye « Manifeste y'abahutu » bakomeje kumvisha umwami n'Inama Nkuru y'Igihugu ikibazo gihari. Habayeho za pétition, habayeho n'amabarwa. Aha twavuga nk'ibarwa Vianey Bendantunguka yandikiye Umwami Rudahigwa wari ukuriye iyo nama (11)

Iyo uzisomye neza izo nyandiko zose, ukazisesengura usanga ko zandikanywe ikinyabupfura; ba nyirazo badasesereza ubwami; bivuze ko kugeza muri 1958 mu bavugaga ibibazo byariho ntawavugaga ko ubwami buvaho, icyavugwaga kwari uko inzego zavugururwa, Abanyarwanda bagasaranganya ibyiza by'igihugu cyabo.

#### **IV. U Rwanda rurata ikoni riganisha ku mibanire myiza hagati mu Banyarwanda...**

Muri Werurwe 1958 hashizweho Komite yo kwiga ikibazo cy'ubusumbane hagati mu Banyarwanda. Iyo Komite yari igizwe na bamwe mu bari bagize Inama Nkuru y'Igihugu 6 (Bagirishya, Bwanakweli, Gashugi, Mbanda, Rwagasana na Mangarurire wagombaga kuba Umwanditsi) hamwe n'abandi batanu mu basinye «Manifeste y'Abahutu». (Bendantunguka, Bicamumpaka, Gitera, Mulindahabi, Niyonzima).

Imirimo y'iyi Komite yatangiye ku italiki ya 31 Werurwe irangira ku ya 7 Kamena 1958 ntacyo abayigize bumvikanyeho gifatika. Muri ayo mezi yose iyi Komite yamaze iterana, hasohotse inyandiko nyinshi; muri izo twavuga mo ebyili z'ingenzi:

-Iya mbere yasohotse ku italiki ya 17 Gicurasi 1958 yandistwe n'abiyise «abagaragu bakuru b'ibwami»; mu byo aba bagararugu b'ibwami bavuga harimo ko nta buvandimwe buri hagati y'abahutu n'abatutsi. (12)

-Iya kabili yanditwe ku ya 18 Gicurasi 1958, yandikwa n'abiyise «abasaza 15 b'abatutsi, abagaragu bakuru b'ibwami». Aba basaza 15 ntibufuzaga na gato isaranganwa ry'ubutaka. Kuribo Abanyarwanda badafite amasambu bagombaga kujyanywa mu turere tw'u Rwanda tudatuwe cyangwa se bakwoherezwa muri Congo. (13)

Muri make izo nyandiko zirakarishye imbere y'ibyifuzo by'abashakaga kugira uruhare mu miyoborerere y'igihugu cyabo. Ba nyirazo bimitse ubusumbane bamaganira kure ubvandimwe hagati mu Banyarwanda. Imbere y'ubwo buhezanguni, umwami Rugahigwa ntabwo yabwamaganye ku mugaragaro.

Muri icyo gihe imitwe yari ishyushye, umwami Rudahigwa yatangiye inteko ya 15 y'Inama Nkuru y'Igihugu. Iyo nteko yari yatumiwemo na bariya barwanashyaka bari

barasinye «Manifeste y'Abahutu» bari no muri iriya Komite yagombaga gufata imyanzuro irebana n'ikibazo cy'ubusumbane hagati mu Banyarwanda. Aha naho ntabwo bashoboye kumvikana.

Nyuma y'iminsi ine yaranzwe n'impaka z'uruduca, Rudahigwa yafashe ijambo avuga ko nta kibazo gihari; ko kandi abazongera kukigarura bagomba kwamaganwa ; ko we ubwe azirandurira igiti cyera imbuto nk'izo hamwe n'imizi yacyo yose. (14)

Aha niho u Rwanda rwarase ikoni riganisha ku mibanire myiza hagati y'Abanyarwanda. Aha byagombye kugaragarira buri wese ko, uko kurata iryo koni, byatewe n'abayobozi bariho icyo gihe, ariko cyane cyane umwami Rudahigwa hamwe n'Ababiligi bari bafatanyije kuyobora u Rwanda.

#### **V. 1959: Revolisiyo nk'intambwe iganisha ku itangazwa rya Repubulika n'ibyayibanjilije...**

Mu mwaka w'i 1959 hakomeje gusabwa ko ubusumbane hagati mu Banyarwanda bwavaho ; demokarasi ikinjizwa mu mitegekere y'igihugu, uburinganire hagati mu Banyarwanda bugahabwa intebe. Ku italiki ya 11 Gashyantare 1959, Musenyeri Andereya Perraudin yasohoye inyandiko ivuga ku itegeko ry'urukundo n'ubutabera hagati mu bana b'Imana. (15)

Iyi nyandiko yateye ibyishimo bamwe mu Banyarwanda abandi ibatera uburakare. Kugeza na n'ubu ntabwo Abanyarwanda bayivugaho rumwe. Nyamara iyo uyisomye neza usanga ishingiyeye ku ngingo zakagombye kuranga abantu bifuzaga kubana mu ituze n'amahoro bagamije gutera imbere.

Ku italiki ya 15 Mata 1958, Musenyeri Aloyizi Bigirumwami, igihe yasezeraga ku bategekaga u Rwanda agiye mu Burayi yari yavuze kuri ibyo birebana n'urukundo n'ubutabera byigishwa na kiliziya gatolika. (16)

Ku italiki ya 22 Mata 1960, mu ibaruwa ye yandikiye Perezida w'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe amahoro ku isi, Padiri Johani Batisita Gahamanyi (ntabwo icyo gihe yari yakabaye Musenyeri) nawe yavuze ko mu rwego rwo kurwanya kwikunda ni ngombwa ko kiliziya yigisha urukundo n'ubutabera mu bantu.

Ikindi cyaranze umwaka w'i 1959 ni itanga ry'umwami Rudahigwa ku italiki ya 25 Nyakanga 1959 n'isimburwa rye na Ndahindurwa wabaye umwami kw'izina rya Kigeri wa 5 ku italiki ya 28 Nyakanga 1959. (17)

Mu rwego rwo gushyigikira Ndahindurwa, Padiri Alegisi Kagame yavuze ko ahagana muri Gashyantare 1959, Rudahigwa yari yaramusabye kumutegura, mbese ashaka kuvuga ko ishyirwaho rya Ndahindurwa ryari rijyanye n'ibyifuzo bya mwene se, Rudahigwa. (18)

Bamaze kumutangaza, Ndahindurwa yemeye ko azategeka nk'umwami uganje, maze aza no kubisinyira taliki ya 9 Ukwakira 1959. Nta birori bimwika nk'umwami byabayeho nk'uko abyivugira mu nyandiko yandikiye Visi-Guverineri wa teritwali ya Ruanda-Urundi ku italiki ya 16 Ukwakira 1959, ibyumweru bibili mbere ko revolisiyo





sheferi ya Rukoma, bamubwiye ko bashaka umutwe wa Padiri Sitanisilasi Bushayija n’uwa Porosuperi Bwanakweri...; ngo bamubwiye kandi ko ari abashyirahamwe biyemeje guhana uwari we wese udakunda umwami (26)

## VI. Imbarutso ya revolisiyo yabaye iyihe?

Mu rwego rw’ibikorwa by’iterabwoba bya UNAR, umwe mu ba sushefu, Dominiko Mbonyumutwa yatangiriwe mu nzira ku italiki ya 1 Ugushyingo 1959 n’abasore bo muri UNAR; maze arakubitwa. Umwe mu bakoze icyo gikorwa cy’urugomo, Pascal Karekezi yabyemereye mu kiganiro « Imvo n’invano » cyahitishijwe ku radiyo mpuzamahanga BBC ku italiki ya 1 Nzeli 2018.

Ku italiki ya 3 Ugushyingo 1959, abaturage bo muri susheferi Mbonyumutwa yategekaga bagiye kubaza shefu Gashagaza iby’iryo hohoterwa, aho kubasubiza neza abasushefu bari aho kwa Gashagaza barimo Nkusi bashaka kubakubita, abandi baritabara induru ziravuga revolisiyo itangira ubwo...

Iyo usomye inyandiko zivuga ibyabaye, usanga ibikorwa by’ubugizi bwa nabi byarakorewe abatutsi, abahutu n’abatwa. Muri abo bose hari abatakaje ubuzima, abatakaje ibintu (inzu zatwitswe...), hari n’abahunze. Mu bakoze ayo marorewa naho harimo abatutsi, abahutu n’abatwa. Bamwe muri abo bari bagize ingabo z’i bwami zayoborwaga na bamwe mu bashefu n’abasushefu nk’uko bigaragara mu manza zaciwe n’urukiko rwateranye kuva mu kwezi k’Ugushyingo 1959 kugeza muri Mata 1960.

Iby’izo ngabo z’ibwami kandi byemezwa n’ibyanditswe na Rugiramasasu, aho yerekana ukuntu ingabo z’umwami zavaga i bwami i Nyanza zikagaba ibitero ku barwanashyaka babaga batari muri UNAR ariko cyane cyane abo bitaga Abaprosoma; Rugiramasasu avuga kandi uko abafatwaga bakazanwa i bwami bakorerwaga iyicarubozo... (27)

Hari n’igihe izo ngabo z’ibwami zibasiraraga kandi n’abatutsi batari muri UNAR nk’uko tubisoma muri raporo y’umuyobozi wa teritwari ya Astrida, bwana Bovy. Muri icyo raporo dusoma mu italiki ya 10 Ugushyingo 1959, ingabo z’ibwami zigizwe n’abatwa n’abatutsi ziyobowe na sushefu Bucakara (umwana wa Kayijuka) zatwitse inzu ya sushefu w’umututsi Migengana zimuziza ngo ko yakiriye urwandiko rwa vise-Guverineri Harroy rutanga amabwiriza y’imyitwarire y’abasushefu n’abashefu imbere y’amashyaka menshi. Nk’uko Bovy abyandika, hari abandi bari mu nzego z’ubutegetsi nabo baryojwe ko bemeye kwakira urwo rwandiko. (28)

Iyi raporo ya Bovy irerekana ko ibikorwa by’urugomo by’abarwanashyaka ba UNAR byageraga kuri buri wese utari mu ishyamba ryabo; irerekana kandi ko hari abatutsi bifuzaga ko ibintu bihinduka, batwikiwe n’abari bagize ingabo z’ibwami. Abo bose baranzwe n’ibikorwa by’ubwicanyi n’urugomo (na none ariko ni abashoboye gufatwa) nibwo ruriya rukiko rwavuzwe haruguru rwaciriye imanza.

Icyagaragaye muri ubwo bucuhanza bwashyizweho n’ubutegetsi bw’ababiligi, ni uko ibyaha byakorewe i Nyanza kwa Ndahindurwa bitakurikiranywe ngo ababikoze

bahanwe kandi hari inyandiko nyinshi zivuga ko mu gihe cya revolisiyo i bwami hari harabaye nk'ikigo cy'iyicarubozo n'itotezwa ry'abafatwaga bose batari abayoboke ba UNAR bajyanweyo. Aha twavuga nk'ibyatangajwe na Ndazaro, umwe mu bari mu buyobozi bw'ishyaka RADER, ku italiki ya 2 Kamena 1960. (29)

Ku italiki ya 4 Kamena 1960, Ndazaro yagarutse ku ruhare rukomeye rwa Ndahindurwa ku bwicanyi bwabaye mu gihe cya revolisiyo ndetse anongeraho ko yahagarikwa, ntakomeze kuba umwami. (30)

## **VII. Urugendo ruganisha kuri Repubulika y'u Rwanda n'isezererwa ry'ubwami.**

Revolisiyo yasheshe imiterere y'ubutegetsu ubwami bwari bushingiyeho. Abasushefu n'abashefu bamwe bapfiriye mu mvururu abandi barahunga. Hari n'abafashwe n'ubutegetsu bw'ababiligi bwariho icyo gihe barafungwa kubera uruhare bari bagize mu bikorwa by'ubwicanyi n'urugomo...

Abo basushefu n'abashefu bose bagombaga gusimburwa n'abategetsu b'Ababiligi. icyagaragaye muri iryo simburwa ni uko abahutu nabo binjijwe mu nzego z'ubutegetsu. Ku basheshefu 45, 26 babaye abahutu naho ku rwego rw'abasushefu 326 kuri 544, nibo babaye abahutu. Uretse uko gusimbura abashefu n'abasushefu, abategetsu b'ababiligi kandi bagombaga no guhangana n'ibindi bibazo ; aha twavuga nk'ikibazo cy'impunzi, kuzana umutekano mu gihugu, gukorona n'umwami, wasinyiye kuba umwami uganje ariko mu by'ukuri ari imfungwa y'abahezanguni badashaka ko ibintu bihinduka...

Ku birebana n'uko kubura ubwigenge kwa Ndahingurwa, umuvandimwe we Francis Ruzibiza, yemeza ko nta bushobozi yari afite, ko yari imfungwa y'abashakaga kugaruka ku nzozi za Rudahigwa, ni ukuvuga kugarura ubwami bugena ubuzima n'urupfu kuri byose ; abantu, n'ibintu. (31)

Ku taliki ya 10 ukuboza 1959 Colonel Guy Logiest wari waraje aturutse muri Kongo aje guhosha imvururu yagizwe Resident udasanze asimburwa kuri uwo mwanya Preud'homme.

Mu kwezi k' Ukuboza 1959 kandi, umwami w'Ububiligi yaje gusura teritwari ya Ruanda-Urundi maze asinya itegeko ngenga rishyiraho amabwiriza mashya yo gushyiraho inzego z'ubutegetsu muri Ruanda-Urundi.

Ku birebana n'u Rwanda, iryo tegeko ngenga ryavugaga ko hagomba gushyirwaho inzego z'agateganyo, amasheferi agasimburwa n'amakomini, abajyanama bagatorwa mu mezi atandatu hanyuma muri buri komini bakitoramo bourgmestre. Iryo tegeko ryavugaga ko sheferi zagumaho ariko teritwari zigasimbuzwa n'amaperefegitura yahabwa Abanyarwanda nk'abayobozi. Ku rwego rw'igihugu hateganyarwa ko habaho Inama Nkuru y'Igihugu yashingwa gushyiraho amategeko.

Ku italiki ya 6 Gashyantare 1960 hashyizweho Inama nkuru y'Igihugu y'agateganyo igizwe n'abarwanashyaka bavuye muri APROSOMA, UNAR, RADER na PARMEHUTU. Buri shyamba ryagombaga gutanga abarwanashyaka babili.



Ndahindurwa yanze gusinya itegeko rishyiraho iyo Nama, Logiest arisinya muri Gicurasi 1960. Uko kwanga iyo nama ariko ku ruhande rwa Ndahindurwa, ntikwayibujije gukora. Mu rwego rwo kugarura umutekano mu gihugu, yasabye:

-ko Ndahindurwa yaza gukorera i Kigali

-ko yagira ibiro bigizwe n'abantu bane batanzwe n'amashyaka ane akomeye yari mu gihugu

-ko Kalinga n'abiru byavaho

Ibyo byose Ndahindurwa yarabyanze, ni uko amashyaka RADER, APROSOMA na PERMEHUTU (UNAR irifata) yandikira Ministre w'umubiligi wari ushinzwe za koloni amubwira ko bitandukanije na Ndahindurwa. Ibyo byabaye ku italiki ya 30 Mata 1960. (32)

### **VIII. Umuryango w'Abibumbye ugongana n'abategetsi b'Ababiligi ku kibazo cy'u Rwanda...**

Mu kwezi kwa Werurwe 1960 intumwa z'uwo Muryango zaje mu Rwanda maze zigerageza guhuza impande zombi zari zishyamiranye birananirana. Zisaba ko intumwa z'izo mpande zahurira i Bruxelles zigakomeza imishyikirano. Izo ntumwa zanasabye ko amatora yari ateganyijwe mu kwezi kwa Kamena 1960 yasubikwa. Ubutegetsi bw'ababiligi bwemeye guhuza izo ntumwa, ariko bwanga gusubika amatora.

Hagati y'italiki ya 30 Gicurasi ni ya 7 Kamena 1960, intumwa z'Inama Nkuru y'Igihugu y'agateganyo ziri kumwe n'intumwa y'umwami Ndahindurwa zahuriye i Bruxelles mu Bubiligi zemeza ko amatora azaba mu kwezi ka gatandatu. Muri iyi nama y'i Bruxelles ariko, ntabwo intumwa za UNAR zayijemo.

Ku italiki ya 29 Kamena 1960, Ndahindurwa yavuye mu gihugu agiye kwizihiza ubwigenge bwa Kongo-Kinshasa no kubonana n'uwaru umunyabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye. Ntabwo yongeye kugaruka mu Rwanda; yavuze ko Ababiligi banze ko agaruka.

Inyandiko ziboneka zirebana nicyo gihe, zemeza ko nyuma y'umunsi mukuru w'ubwigenge bwa Kongo, aho gutaha mu Rwanda, Ndahindurwa yagiye i Bujumbura ku italiki ya 2 Nyakanga yongera kuhava asubira muri Kongo ku italiki ya 25 Nyakanga 1960. Mu nyandiko twabonye twasanze koko ko ku italiki ya 17 Ukwakira 1960, Ministre w'umubiligi ushinzwe ibibazo by'Afurika yaranditse amagambo atemereraga Ndahindurwa kugaruka mu Rwanda (33)

Ariko rero, nk'uko bigaragara, ayo magambo yandistwe Ndahindurwa amaze amezi arenga atatu hanze, muri icyo gihe cyose yakoraga iki? Keretse rero hagaragaye itangazo rimubuza kugaruka mu Rwanda, ryatangajwe akimara kuva mu gihugu...

Hagati y'italiki ya 26 Kamena ni ya 3 Nyakanga 1960 amatora mu makomini yarabaye. Nyuma y'aya matora, hashizweho izindi nzego hakulikijwe itegeko ngenga rya Ministre w'umubiligi ushinzwe ibibazo by'Afurika: Ku italiki ya 20 Ukwakira

1960 hashizweho guverinema iyobowe na Geregori Kayibanda naho ku italiki ya 26 Ukwakira hashyirwaho Inama nkuru y'igihugu ihabwa Habyarimana Joseph Gitera.

Muri iyi myanya yombi ikomeye mu miyoberere y'igihugu nta numwe RADER yabonye. Ibi bigombe kuba byarababaje abayobozi b'iryo shyaka kuko bahise bava mu rugaga bari bahuriyemo na MDR na Aprosuma, bajya gufatanya na UNAR.

Mu nama yabereye ku Gisenyi kuva taliki ya 7 Ukuboza kugeza ku ya 14 Ukuboza 1960 yagombaga kwemeza amatora y'abadepite yo muri Mutarama 1961, ayo mashyaka yombi (UNAR na RADER) yashize hamwe, arayanga.

Nyuma y'iyi nama yo ku Gisenyi UNAR-RADER n'umwami ku ruhande rumwe na MDR na APROSOMA byatangiye guhangana. UNAR-RADER n'umwami bandikira Umuryango w'Abibumbye, bakora na za pétitions bituma Umuryango w'Abibumbye ufata ibyemezo bibili byagize ingaruka zikomeye ku Rwanda. Ibyo byemezo byafashwe ku italiki ya 20 ukuboza 1960 n'ibi :

Icyemezo n° 1579/XV cyavugaga ko amatora agomba kwigizwayo, kubabarira abanyururu bose bagataha iwabo, gutumiza inama y'abashyamiranye bakiyunga.

Icyemezo n°1580/XV cyavugaga ko umwami agomba kugaruka no gutegura referendumu.



Kuva taliki ya 7 Mutarama kugeza ku ya 12 Mutarama 1961, inama yo kwunga abashyamiranye yabereye Ostende mu Bubiligi. Hanyuma taliki ya 20 Mutarama 1961 ubutegetsi bw'ububiligi bwemeza ko buzakulikiza biriya byemezo by'Umuryango w'abibumbye.

Intumwa z'u Rwanda mu nama yabereye Ostende.

Uherye ibumoso: Makuza, Mbonyumutwa, Ruzibiza, Ndazaro, Nzeyimana (M. POCHET, *Rétrospective: Le problème ruandais. Le RADER ...*, Dossiers 6, p. 33)

Iku kwisubiraho k'ubutegetsi bw'ababiligi ntikwashimishije Abanyarwanda barimo barwanira impinduka mu Rwanda. Impungenge z'uko kwigizayo ariya matora yari yaremejwe ko azaba muri Mutarama 1961 byashoboraga guteza imyivumbaganyo mu gihugu byatumye Gregoire Kayibanda, icyo gihe wari ministre w'intebe, ajya kureba uwari uhagarariye ubutegetsi bw'ababiligi mu Rwanda, Colonel Logiest; amumenyesha ko bafashe icyemezo cyo guhuriza hamwe i Gitarama abatowe bose mu makomini kugirango bavuge ku bijyanye n'isubikwa ry'amatora ririmo rivugwa.

Logiest yivugira ko atamubujije kuko ngo atabishakaga kandi ko atari no kubishora... (34)

### IX. Itangazwa rya Repubulika

Italiki bumvikanyeho yabaye iya 28 Mutarama 1961. Ubutumire bwatanzwe na Ministre w'ubutegetsi bw'igihugu, Yohani Batisita Rwasibo. Muri ubwo butumire harimo ko abajyanama b'amakomini n'ababurugumesitiri bose basabwe kwitabira iyo nama, ko uzasiba wese azagomba gutanga ibisobanuro. (35) Ubutumire bwarubahirijwe, maze abatumirwa baturira i Gitarama kuri iriya tariki ya 28 Mutarama guhera saa yine za mu gitondo.

Mu ijambo ritangiza inama, Ministre Rwasibo yabajije ibibazo bitatu :

- Ni uwuhe mwanzuro twafatira Kigeri?
- Ni ryari inzego z'agateganyo zizavaho?
- Ni bande batoye abajyanama b'amakomini ?

Mu kurangiza ijambo rye yavuze ko karinga, abiru, ubuhake byateye abaturage imibereho mibi ko bigomba kuvaho bigasimbuzwa na demokarasi. (36)

Gitera wayoboraga inteko ishingamategeko y'agateganyo nawe yafashe ijambo, maze avuga ko kalinga n'ingoma ya Kigeri bivuyeho ; yerekana ibendera ry'u Rwanda, avuga ko kuva ubwo, uburyo bwo kuyobora Abanyarwanda ari ubushingiye kuri Repubulika. Mu kurangiza ijambo rye yagize ati : Harakabaho Repubulika !

Abari mu nama bashyizeho inzego z'ubuyobozi bw'igihugu : Mbonyumutwa Dominiko yatorewe kuba Perezida wa Repubulika yari imaze gutangazwa, Geregori Kayibanda agirwa Ministre w'intebe, Urukiko rw'ikirenga ruhabwa Nzeyimana Isidore naho inteko ishingamategeko ishingwa Habyarimana Gitera Joseph. Repubulika y'u Rwanda iriho ubu ni uko yavutse, yaje kwemezwa na Kamarampaka yabaye ku ya 25 Nzeli 1961.

## Umwanzuro

Nk'uko bigaragara mu bimaze kuvugwa haruguru, itangazwa rya Repubilika y'u Rwanda ku italiki ya 28/01/1961 rifite imizi muri revolisiyo yo mu kwezi k'Ugushyingo 1959; revolisiyo yatewe ahanini ni ukugundira ubutegetsi ku bari babufite icyo gihe, batifuzaga ko hagira undi ubugiramo uruhare.

Muri 1956, mu gihe hategurwaga amatora yo kuvugurura inama za susheferi, za sheferi n'Inama Nkuru y'Igihugu; ubutegetsi bw'ababiligi, kubera ko bwabonaga ko izo nzego z'ubutegetsi zikomeje kwiganzamo Abanyarwanda bamwe, bwabajije umwami Rudahigwa, niba mu butegetsi bwe hatakwinjizwamo ka demokarasi gakeye kugirango n'abandi banyarwanda bagire uruhare mu miyoborere y'igihugu cyabo. Rudahigwa abusubiza ko ngo nk'uko nta mukobwa utwita gake, n'ubutetsi bwa cyami nabwo ntibushobora kwinjizwamo ka demokarasi gakeya. (37) Iyo myifatire y'uwakagombye kurebera Abanyarwanda bose iri muri bimwe revolisiyo yashingiyeho; ifungura umuryango, maze Repubilika irinjira.

Gutwerera abanyamahanga izi mpinduka zatumye haza imitegekere mishya mu Rwanda ni ukwirengagiza ukuri. Imizi y'impamvu y'izi mpinduka yari mu kuntu umuryango nyarwanda wari uteye muri rusange ni uko wari uyobowe by'umwihariko muri icyo gihe. Inkunga yaba yaraturutse hanze y'umuryango nyarwanda, uko yaje ingana kwose, yaje yuzuzwa imbaraga z'Abanyarwanda bari bahagurutse, bakerereye gusimbuza ubutegetsi bushingiye kuri demokarasi, ubwari bushingiye ku busumbane hagati mu Banyarwanda.

Iyo bariya bami ba nyuma (Rudahigwa na Ndahindurwa) bumva ibibazo umuryango nyarwanda wari ufite mu gihe bategekaga, bakabikemurana ubutabera nk'abami babereye Abanyarwanda bose, ntagushidikanya ko u Rwanda rwari gufata icyerekezo kindi kandi wenda cyiza kurusha icyo rwafashe bitewe n'ukubogama kwabo.

Nyuma y'imyaka mirongo itandatu ishyize izo mpinduka zibaye, twavugaga ko zadusigiye iki nk'Abanyarwanda, ari abayobozi ari n'abayoborwa? Aho hari amasomo twaba twaravanye mu mateka yaranze izo mpinduka? Aha buri wese, akoresheje umutimanama we, ashobora kugira icyo avuga kuri ibyo bibazo.

Icyakora iyo umuntu arebye ibikorera Abanyarwanda n'abayobozi babo muri iki gihe, (kuburirwa irengero, gusenyerwa, gutotezwa no gufungwa umuntu azira ibitekerezo bye...) usanga icyerekezo kizava mu bikorwa bibi nk'ibi, gishobora kuzabangamira iterambere ry'u Rwanda. Abo bayobozi, nibashaka kumenya byimbitse aho ingaruka zo gutoteza abayoborwa no kwirengagiza ibibizo byabo zishobora kugeza igihugu, icyo gihe, nta shiti iyi nyandiko izabagirira akamaro...

Inosenti Nsengimana  
Werurwe 2021

## Notes

**(1) Le mouvement prophétique de Nyiraburumbuke.** D'après G. Mbonimana, « ...ce mouvement prit naissance aux environs du lac Muhazi vers la fin de 1926. Il aurait été lancé par un Hutu nommé Rugira...Celui-ci prophétisa la venue d'une jeune femme Nyiraburumbuke...Elle surgirait des profondeurs du lac Muhazi pour chasser tous les Européens ; elle serait accompagnée de son frère Ruhumuliza... qui distribuerait à tout le pays une nouvelle variété de sorgho dont on fabriquerait de la bière sans peine. Le mouvement s'entendit au Gisaka et au Bugesera, où le lac Mugesera joua le rôle du lac Muhazi ; il prit fin en 1927 grâce à l'intervention de la Force Publique qui arrêta les membres influents...

**La révolte de Semaraso.** Selon G. Mbonimana, cette révolte « éclata au nord du pays (Rukiga et Ndorwa). Il s'agit d'un mouvement lancé par des Hutu contre les Européens et les chefs Tutsi. Le chef du mouvement, Semaraso ... se disait Ndungutse, fils du roi Mibambwe Rutalindwa, successeur de Rwabugili. Avisé de la révolte, la résidence de Kigali ordonna, le 25 mars 1928 une opération militaire. Une bataille livrée à Kaniga (dans le Ndorwa) opposa les guerriers de Semaraso à un détachement de la Force Publique du 29 mars au 4 avril de la même année...Il y eut plusieurs victimes...

**La révolte du Bumbogo** ». Mbonimana note : « à la fin du mois d'octobre 1930, l'administration mena à travers tout le pays une vaste campagne pour la culture du manioc ; des centres de distribution de boutures de manioc furent organisés, mais en nombre limité. Tous les contribuables étaient convoqués. L'on assista à une véritable mobilisation : ainsi à Kigali, on attendait pour le 24 octobre de la même année plus de 17 000 porteurs venus des régions voisines. Aux yeux des contribuables du Bumbogo, cette mobilisation n'était qu'une invention des chefs tutsi qui voulaient livrer les Hutus aux Européens ; ceux-ci devaient emmener les Hutu soit au Katanga, soit en Uganda ou même en Europe. Comme on parlait de « la bataille du manioc » (urugamba rw'imyumbati), tous les groupes en route vers le centre de distribution de Kigali s'identifièrent à des troupes guerrières opérant au nom du roi Musinga et se livrèrent à des massacres et au pillage. Les autorités locales tutsi furent menacées : le chef de province, Rwampungu, et les sous-chefs se réfugièrent à Kigali, tout en alertant l'Administration. Celle-ci se concerta avec la Mission de Kigali. Après avoir consulté Mgr Classe, les Pères Blancs de Kigali acceptèrent d'intervenir dans la pacification de la région. Le Père Davos, ancien de la mission de Rulindo..., accompagna Schmidt, administrateur de Kigali ; tous les deux s'efforcèrent de sensibiliser chrétiens et catéchumènes, les invitant à donner aux païens l'exemple d'obéissance aux autorités. De leur côté, les prêtres rwandais expliquèrent les sens et l'importance des cultures obligatoires. Ainsi grâce à cette collaboration entre la Mission et le Gouvernement, le Bumbogo retrouva la paix.... »

(G. MBONIMANA, *L'instauration d'un royaume chrétien*,... 1981, pp. 343-345)

**(2)** « ...Ndungutse dont le nom véritable était Birasisenge habitait à Bugwangali dans la région du Mutara... Les rumeurs populaires disaient que Musekerande (une des nombreuses épouses de Kigeli Rwabugili) avait eu deux fils : Biregeya, de Kigeli IV, et Ndungutse qu'elle aurait de Mibambwe IV Rutalindwa. Voulant profiter de ces



rumeurs, Birasisenge se donna le nom de Ndungutse. Après plusieurs aventures dont les récits en font le héros, il arriva à Ngoma aux abords du marais mouvant du Rugezi. Son serviteur Kagesa alla lui amener Basebya, le Chef des Pygmées. Basebya le considéra comme le vrai fils de Rutarindwa et donc le Roi légitime. Toute la région du Buberuka le reconnut comme tel... Tous les fidèles de Musinga furent attaqués, leurs habitations furent incendiées dans le Buberuka, et l'expédition atteignit le Bumbogo jusqu'au Kiziba près de Bugaragara... »

(Abbé A. KAGAME, *Un Abrégé de l'histoire du Rwanda de 1853 à 1972*. Editions universitaires, Butare, 1975, pp. 160-169).

(3) Conformément au but des Nations Unies (...) les fins essentielles du régime de Tutelle sont les suivantes :

a. affermir la paix et la sécurité internationale;

b. favoriser le progrès politique, économique et social des populations des territoires sous Tutelle ainsi que le développement de leur instruction; favoriser également leur évolution progressive vers la capacité à s'administrer eux-mêmes ou l'indépendance, compte tenu des conditions particulières à chaque territoire et à ses populations, des aspirations librement exprimées des populations intéressées et des dispositions qui pourront être prévues dans chaque accord de Tutelle;

c. encourager le respect des droits de l'homme et des libertés fondamentales pour tous, sans distinction de race, de sexe, de langue ou de religion, et développer le sentiment de l'interdépendance des peuples du monde ;

d. assurer l'égalité de traitement dans le domaine social, économique et commercial à tous les membres de l'organisation et leurs ressortissants ; assurer de même à ces derniers l'égalité de traitement dans l'administration de la justice, sans porter préjudice à la réalisation des fins énoncées ci-dessus.

(F. MARQUET, *La Belgique, ses territoires d'outre-mer et l'ONU*, ... 1950, p.10)

(4) Art. 2 - le MPP a pour but :

- l'étude de tous les problèmes politiques, sociaux et économiques que pose l'évolution du Ruanda-Urundi ;

- assurer l'évolution des coutumes et des institutions coutumières vers une conception démocratiques ;

- s'occuper de l'éducation civique et sociale des populations indigènes ;

- rechercher les moyens les plus aptes pour harmoniser les relations entre indigènes et européens en évitant d'un côté la naissance de tout nationalisme indigène déplacé et, de l'autre toute discrimination sociale basée sur la race ;

- maintenir des contacts et des relations avec les organismes similaires existant ou qui naîtront au Congo belge, en Belgique ou ailleurs.

(Mgr A. PERRAUDIN, *Un évêque au Rwanda...* 2003, p. 107)

(5) « ... 'Les idées mènent le monde', dit un adage (...) et se sont les journaux principalement qui véhiculent les idées aussi bien dans les milieux intellectuels qu'au cœur des masses populaires. Je crois qu'on ne se trompe pas en affirmant que les journaux dont je viens de parler : La Presse africaine, Temps Nouveaux d'Afrique, le Courrier d'Afrique rédigés en français, le Kinyamateka, seul périodique en kinyarwanda- ont ébranlé sur ses bases le colosse féodo-monarchique rwandais et même celui du Burundi. Quand je fus nommé Vicaire apostolique de Kabgayi, (19 décembre 1955 : NDLR), il n'était pas question de transformer les institutions politiques qui paraissaient comme sacrées aux yeux de la majorité de la population. Timidement on voulait les démocratiser quelque peu ... »

(Mgr A. PERRAUDIN, *Un évêque au Rwanda...* 2003, p. 133)

(6) « ... Certaines personnes peu ou mal informées répètent ou écrivent volontiers que les Batutsi venus dans le pays en conquérants ont spolié les Bahutu de leurs biens et les ont maintenus à un rang inférieur. Une telle affirmation relève d'une tendance à ne voir que le mauvais côté des choses. Ceux qui la formulent perdent de vue que certaines lacunes de l'organisation politique et sociale des Batutsi étaient compensées par l'assurance qu'avaient les serviteurs de jouir de la protection de leurs maîtres, les administrés de celle de leurs chefs, cette protection revêtant un caractère nettement familial. L'harmonie de cette organisation est indéniable et nul ne peut en contester l'efficacité. **Il est vrai que ce système est dépassé et ne correspond plus à l'évolution des esprits mais il était fait pour d'autres temps et parfaitement adapté à leurs nécessités...**

(Voir M. POCHE, *Rétrospective : Le problème ruandais, 1952-1962. Volume 1, Dossier 1: Le Conseil Supérieur du Pays*. Editions Sources du Nil, Collection « Documents pour servir à l'histoire », Février 2012, p. 16)

